

## Umuryango w'Abibumbye

---



Urwego Rushinzwe Kurangiza Imirimo y'Inkiko  
Mpanabyaha Mpuzamahanga

MICT/13

29 Ugushyingo 2013

Umwimerere: icyongereza

---

### **Amategeko y'Ibiro bya Porokireri N° 2 (2013)**

### **Ibyifuzo by'abategetsi bo mu bihugu cyangwa by'imiryango mpuzamahanga bisaba inkunga Porokireri**

(MICT/13)

P(RM)13-0002K

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

# **Porokireri w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga**

## **Amategeko y'Ibiro bya Porokireri N° 2 (2013)**

### **Ibyifuzo by'abategetsi bo mu bihugu cyangwa by'imiryango mpuzamahanga bisaba inkunga Porokireri**

**Hassan Bubacar Jallow**, Porokireri w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (MICT),

**Amaze kubona** icyemezo N° 1966 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi cyo mu mwaka wa 2010, Sitati ya MICT n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso bigishingiyeho;

**Amaze kubona** ko, hashingiwe ku Ngingo ya 28(3) ya Sitati yayo, MICT izita ku byifuzo bitanzwe n'abategetsi bo mu bihugu, bisaba inkunga ijyana no gukora iperereza, gukurikirana no kuburanisha abantu bakekwaho kuba, guhera mu mwaka wa 1991 mu cyahoze ari Yugosilaviya cyangwa mu wa 1994 mu Rwanda, barakoze ibikorwa binyuranyije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, cyangwa Abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mu bihugu bituranye n'u Rwanda mu mwaka wa 1994;

**Amaze kubona** ko MICT ishobora no kwakira ibyifuzo bisaba inkunga bivuye mu miryango mpuzamahanga cyangwa mu zindi nzego igihe hari amasezerano yihariye abiteganyaga;

#### **Ashyizeho aya Mategeko:**

1. icyifuzo gitanzwe n'abategetsi b'igihugu runaka, umuryango mpuzamahanga cyangwa urundi rwego igihe hari amasezerano yihariye abitegenyaga (urwego rusaba inkunga), gisaba amakuru, ibimenyetso cyangwa indi nkunga ifatika ijyana n'iperereza, cyangwa iburanisha, gishobora gushyikirizwa Porokireri w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, ku birebana n'amakuru yakusanyijwe n'Ibiro bye, ibya Porokireri w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY), n'ibya Porokireri w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR).

2. Ibyifuzo bisaba inkunga bishobora gutangwa hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bwihuta burimo fagisi cyangwa *email*. Ariko, icyifuzo nk'icyo gitanzwe muri ubwo buryo bwihuse kigomba gukurikirwa n'inyandiko inyuze mu nzira zemewe zisanzwe.
3. Ibyifuzo bisaba inkunga ijyana no kwemeza ibimenyetso runaka kandi bikeneye kwitabwaho bidatinze bishobora gutangwa binyuze mu buryo bw'itumanaho bwihuse burimo fagisi cyangwa *email*.
4. Ibyifuzo bigomba kuba byanditse mu rurimi rw'icyongereza cyangwa urw'igifaransa. Igihe ibyifuzo bitanzwe mu rundi rurimi, hagomba gutangwa inyandiko isemuye iri mu rurimi rw'icyongereza cyangwa urw'igifaransa. Igihe nta nyandiko isemuye yatanzwe, icyifuzo nticyubahirizwa kugeza igihe inyandiko isemuye itangiwe.
5. Ibyifuzo bisaba inkunga bigomba kuba bikubiyemo ibintu bikurikira:
  - (a) Izina ry'urwego rusaba n'ubwoko bwarwo (ruburanisha, rukurikirana icyaha, rukora iperereza cyangwa ibindi) hamwe n'amakuru yifashishwa igihe cyo gushyikirana n'urwego rusaba inkunga harimo amazina, nimeru za telephone, nimeru za fagisi, na *email* by'abayobozi b'urwo rwego cyangwa abakozi barwo;
  - (b) Amakuru ashoboye kuboneka yerekeye abakekwaho icyaha, abahohotewe, n'abatangabuhamya harimo:
    - i. izina;
    - ii. izina ry'irihimbano rizwi;
    - iii. ubwenegihugu;
    - iv. itariki n'aho yavukiye;
    - v. amazina y'ababyeyi;
    - vi. aho abarizwa;
    - vii. aho yabarizwaga igihe ibyaha bivugwa byakorwaga.
  - (c) Incamake y'ibikorwa bihanirwa bikorwaho iperereza n'ibirego uwabikoze ashobora gushinjwa harimo n'amatariki n'ahantu ibyaha bivugwa byakorewe, hamwe n'amazina y'abahohotewe;
  - (d) Incamake y'amakuru, ubuhamya cyangwa ibindi bimenyetso bisabwa;

- (e) Inyandiko igaragaza akamaro k'iyo nkunga mu iperereza cyangwa mu rubanza, aho iburanisha rigeze n'amatariki ya ngombwa nk'ay'iburanisha ubwo buhamya buzakenerwamo, cyangwa indi mpamvu yose ituma byihutirwa;
  - (f) Inyandiko imenyeshya niba abakozi b'urwego rusaba inkunga bashaka ko bazaba bahari igihe MICT yubahiriza icyifuzo;
  - (g) Inyandiko itanzwe n'urwego rusaba inkunga igaragaza ko amakuru asabwa azagirirwa ibanga, n'ibisobanuro byerekeye ingamba ziteganywa n'amategeko zijyana n'ibanga rigirirwa ibimenyetso bisabwa mu nzego z'ubutabera z'aho urwego rusaba inkunga rukorera, uretse igihe Ibiro bya Porokireri wa MICT byaba byarabyumvikanyeho ukundi n'urwego rusaba inkunga;
6. Porokireri asuzuma niba buri cyifuzo gifite ishingiro, kandi afite ububasha busesuye bwo kutubahiriza icyifuzo.

ŠUmukonoĆ

Hassan Bubacar Jallow  
Porokireri wa MICT

Bikozwe none ku wa 29 Ugushyingo 2013  
Arusha, Tanzaniya

- - - - -